



ITANGAZO RYEREKEYE GUHEREREKANYA IMIGABANE CYANGWA IMPUSHYA Z'UBUCUKUZI

Kigali, 12 Ukwakira 2026

Hakurikijwe amategeko agenga ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'akariyeri mu Rwanda, Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Mine, Peteroli na Gazi (RMB) ruributsa abafite impushya za kariyeri zo ku rwego rw'inganda, ubushakashatsi bw'amabuye y'agaciro, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ndetse n'itunganywa ryayo ibi bikurikira:

- Umuntu cyangwa isosiyeti ifite uruhushya ikaba ishaka guhererekanya imigabane cyangwa uruhushya, igomba kubanza kubisabira uburenganzira binyuze mu nyandiko yandikirwa RMB. Uburenganzira (non-objection) butangwa gusa nyuma y'uko usaba yujuje ibisabwa byose.
- Kutubahiriza amabwiriza y'Urwego rubifitiye ububasha (RMB) ni impamvu yo kwamburwa uruhushya ako kanya, hakurikijwe Itegeko n° 072/2024 ryo ku wa 26/06/2024 rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri.

Abafite impushya bose barasabwa kubahiriza amategeko, amabwiriza n'ibipimo ngenderwaho byose bigenga urwego rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro mu Rwanda.